

DUSHOBORA GUFASHA

Abana benshi bavukana na cyangwa bashobora kugira ubumuga bushobora gutuma bibangamira ugukura no gutera imbere kwabo gusanze, bigira ingaruka mu mitsindire yabo mu ishuri. Ibyiza, iyi mimerere myinshi ishobora gufashwa Igihe ababyeyi babonye ikibazo mbere ndetse bakaka ubufasha.

Niba ukeka ko umwana wawe ashobora kuba hari ibyo akeneye byihariye, hamagara imwe muri izi numero zanditse hasi. Ntubure guhamagara kugirango bakwiteho, ndetse/cyangwa usabe ubufasha ku bijyanye n'imyitwarire runaka cyangwa Ibibazo umwana wawe yaba ari guhura nabyo. Ibuka ko, iyo ubonye niba hari ibyo umwana wawe akeneye mbere ndetse ugasaba ubufasha, niko haba hari uburyo bwinshi umwana wawe yafashwamo. Sisitemu ya Gahunda y'ubufasha Buhabwa Abana yo muri Kentucky ndetse n'ikigo cy'ifasi umwana wawe yigaho bakeneye kumenya abana bose bafite Ibibazo, bafite kugeza ku myaka 21 kugirango bategure ibyo bakeneye umwe kuri umwe.

Niba wifuza andi makuru ndetse n'ubufasha, hamagara:

Sisitemu ya Gahunda y'ubufasha Buhabwa

Abana yo muri Kentucky

Ishami rishinzwe Ubuzima

275 E. Main St., HS2W-C

Frankfort, KY 40621

(502) 564-3756,

Umurongo utishyurwa - (877) 417-8377

(or 1-877-41STEPS)

Fagisi: (502) 564-0329

Ishami rishinzwe uburezi muri Kentucky

Imyaka kuva kuri 3-21

Iburo by'ushinzwe uburezi bw'ihariye ndetse

n'uburezi bw'incuke

300 Sower Blvd.

Frankfort, KY 40601

KUVA

SHYIRA
KASHE
HANO

ESE WABA UZI UMWANA UKENEYE SERIVISI ZIHARIYE?



Ibikurikira

Ibimenyetso biza mbere ni bimwe mu bigaragaza ko ubufasha bukenewe. Niba hari impamvu ukeka ko umwana wawe haba hari ibyo akeneye byihariye, turakugira inama ko wasaba ubufasha byihutirwa. Witegereza igihe umwana wawe azagira mu ishuri mbere yuko utangira guhangana ni ki kibazo.

KUMVA

- Ntaratangira kugira amajwi adasanze cyangwa kuvuga mu gihe afite amezi 6.
- Yaba afite ububabare karande bwo mu matwi cyangwa hari amatembabuzi ava mu matwi.
- Avuga mu ijwi ridasanze
- Ahindukiza ugutwi yumvise ahaturutse ijwi mu gihe yifuza kumva.

GUTEKEREZA

- Ntago yitaba iyo bahamagaye izina rye mu gihe afite amezi 9.
- Ntabasha kumenya umusatsi, amaso, izuru, ndetse n'umubare iyo babitunzeho urutoki mu gihe afite imyaka 2.
- Ntago abasha kumva inkuru zoroshye abwirwa cyangwa asomerwa mu gihe afite imyaka 3.
- Ntanga ibisubizo yatekerejeho nko kuri ibi bibazo " Ni iki ukora igihe usinziriye?" cyangwa " Ni iki ukora igihe ushonje?" Mu gihe afite imyaka 4.

- Bigaragara ko atumva ubusobanuro bw'aya magambo " uyu muni", "ejo hazaza" cyangwa " ejo hashize" mu gihe afite imyaka 5.
- Ntabasha kubona amagambo asobanura ibitekerezo bye muburyo busobanutse ku myaka iyo ariyo yose.

KUREBA

- Ntashobora kugera ndetse no gufata kugikinisho kumezi 6.
- Akunda kunanirwa kwerekana ndetse no gufata ibintu bito byatawe hasi.
- Kenshi akunda gukuba amaso cyangwa akavuga ko amaso amurya.
- Amaso ye aratukuye, cyangwa azamo amarira cyangwa ingohe ze zizaho ibintu byumye.
- Yubika umutwe cyangwa akawushyira ahantu hagoye (kuzunguza umutwe impande n'impande- kuwuzunguza imbere n'inyuma) igihe agera kureba k'umuntu cyangwa ikintu runaka.
- Rimwe na rimwe cyangwa buri gihe arerembura ijisho rimwe cyangwa yose.
- Akenshi avuga ko atareba neza kandi agataka umutwe.



KUVUGA

- Ntabasha kuvuga " Mama" cyangwa "Dada" igihe afite amezi 9.
- Ntabasha kuvuga izina rya bimwe mu bikinisho ndetse n'abantu mu gihe afite imyaka 2.
- Ntabasha gusubiramo injyana rusange cyangwa injyana zo kwamamaza kuri televiziyo igihe afite imyaka 3.
- Ntabasha interuro ntoya igihe afite imyaka 4.
- Ntiyumvwa n'abantu batari abo mu murango igihe afite imyaka 5.
- Ntabasha kuvuga amagambo neza; avuga adidimanga ndetse m'uburyo bugoranye ku myaka iyo ariyo yose.

KUGENDA

- Ntabasha kwihagurutsa igihe afite amezi 9.
- Ntabasha kugenda adahawe ubufasha ku imyaka 2.
- Ntabasha gutera intambwe azamuka cyangwa amanuka ku imyaka 3.
- Ntabasha guhagarara hamwe ku ikirenge kimwe igihe gito ku imyaka 4.
- Ntabasha kujugunya umupira imbere ndetse ngo afate umupira munini widunze imbere ye ku imyaka 5.
- Impinduka igaragara mu ukubihuza; ntago ashobora gutangira kugenda cyangwa ngo ahagarike kugenda.

GUSABANA N'ABANDI

- Ntabasha gukina imikino nko gupeperana, kwihishanwa werekana isura, ndetse no gukoma amashyi wigana injyana ku amezi 9.
- Ntiyigana ababyeyi be gukora imirimo isanzwe yo mu urugo ku imyaka 2.
- Ntiyishimira gukina wenyine n'ibikinisho bye, ibibindi, umucanga ndetse n'ibikaraye n'ibindi ku imyaka 3.
- Ntakina imikino yo mu matsinda urugero nko kwihishanwa no guhererekanya umupira , n'ibindi ku imyaka 3.
- Ntashyamba n'abandi ndetse nta nubwo nawe asubiramo ibyo abandi bakoze ku imyaka 5.
- Agaragara ko yagize impinduka mu imyitwarire ye cyangwa mu mimerere y'ubuzima.